**ITEGEKO N°40/2010 RYO KUWA 25/11/2010 RISHYIRAHO IKIGO CY'U RWANDA GISHINZWE GUTEZA IMBERE IMITURIRE (RHA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**ISHAKIRO**


UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Icyicaro cya RHA

UMUTWE WA II : INSHINGANO ZA RHA

Ingingo ya 3: Inshingano za RHA

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RHA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RHA n'icyiciro irimo

UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA RHA

Ingingo ya 5: Inzego z'Ubuyobozi za RHA


**LAW N°40/2010 OF 25/11/2010 ESTABLISHING THE RWANDA HOUSING AUTHORITY (RHA) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**


CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Head office of RHA

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RHA

Article 3: Responsibilities of RHA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RHA AND ITS CATEGORY

Article 4: Supervising Authority of RHA and its category

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RHA

Article 5: Management organs of RHA


**LOI N° 40/2010 DU 25/11/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS POUR LA PROMOTION DE L'HABITAT (RHA) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**


CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Siège de RHA

CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS DE RHA

Article 3: Attributions de RHA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RHA ET SA CATEGORIE

Article 4: Organe de tutelle de RHA et sa catégorie

CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RHA

Article 5: Organes de direction de RHA

| | | |
|---|---|---|
| Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi | Section one: Board of Directors | Section première: Conseil d'Administration |
| Ingingo ya 6: Inama y'Ubuyobozi ya RHA | Article 6: Board of Directors of RHA | Article 6 : Conseil d'Administration de RHA |
| Ingingo ya 7: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama | Article 7: Sitting allowances for the members of the Board of Directors | Article7: Jetons de présences des membres du Conseil d'Administration |
| Ingingo ya 8: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi. | Article 8: Incompatibilities with membership of the Board of Directors | Article 8 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration |
| Icyiciro cya 2 : Ubuyobozi Bukuru | Section 2: General Directorate | Section 2 : Direction Générale |
| Ingingo ya 9 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RHA | Article 9: Composition of the General Directorate of RHA | Article 9: Composition de la Direction Générale de RHA |
| Ingingo ya 10: Sitati igenga abakozi ba RHA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RHA | Article 10: Statute governing the staff of RHA and benefits of members of the General Directorate and the staff of RHA | Article 10: Statut du personnel de RHA et les avantages des membres de la Direction Générale et du personnel de RHA |
| Ingingo ya 11: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RHA | Article 11: Functioning, organization and responsibilities of organs of RHA | Article 11 : Fonctionnement, organisation et attributions des organes de RHA |
| UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI | CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE | CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES |
| Ingingo ya 12: Umutungo wa RHA n'inkomoko yawo | Article 12: Property of RHA and its source | Article 12: Patrimoine de RHA et ses sources |
| Ingingo ya 13: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo | Article 13: Use, management and audit of the property | Article 13 : Utilisation, gestion et audit du patrimoine |
| Ingingo ya 14: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RHA | Article 14 Approval and management of the budget of RHA | Article 14: Adoption et gestion du budget de RHA |
| Ingingo ya 15: Raporo y'umwakaw'ibaruramari | Article 15: Annual financial report | Article 15: Rapport annuel de l'exercice comptable |
| UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA | CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS | CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES |

| | | |
|---|---|---|
| Ingingo ya 16 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko | Article 16: Drafting, consideration and adoption of this Law | Article 16: Initiation, examen et adoption de la présente loi |
| Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko | Article 17: Repealing provision | Article 17 : Disposition abrogatoire |
| Ingingo ya 18: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa | Article 18: Commencement | Article 18 : Entrée en vigueur |

**ITEGEKO N°40/2010 RYO KUWA 25/11/2010 RISHYIRAHO IKIGO CY'U RWANDA GISHINZWE GUTEZA IMBERE IMITURIRE (RHA) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18 Ukwakira 2010;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 12 Ukwakira 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 31, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 183 n'iya 201;

**LAW N°40/2010 OF 25/11/2010 ESTABLISHING THE RWANDA HOUSING AUTHORITY (RHA) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 18 October 2010 ;

The Senate, in its session of 12 October 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 31, 19, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

**LOI N° 40/2010 DU 25/11/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS POUR LA PROMOTION DE L'HABITAT (RHA) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 18 octobre 2010;

Le Sénat, en sa séance du 12 octobre 2010;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 31, 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko n° 18/2007 ryo kuwa 19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange ;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy Igihugu gishinzwe guteza imbere imiturire mu Rwanda, cyitwa "RHA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

RHA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Pursuant to the Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions;

Pursuant to the Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda;

Pursuant to the Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

Pursuant to Law n° 18/2007 of 19/04/2007 relating to expropriation in the public interest;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the Rwanda Housing Authority, abbreviated as "RHA". This law also determines its responsibilities, organisation and functioning.

RHA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with legal provisions governing public institutions.

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi n° 18/2007 du 19/04/2007 relative à l'expropriation pour cause d'utilité publique;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat, «RHA» en sigle Anglais. La présente loi détermine également ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

RHA est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions légales régissant les établissements publics.

**Ingingo ya 2: Icyicaro cya RHA**

Icyicaro cya RHA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RHA ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena aho icyicaro cy'ayo mashami giherereye.

**UMUTWE WA II : INSHINGANO ZA RHA**

**Ingingo ya 3: Inshingano za RHA**

RHA ifite inshingano rusange yo gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu mu bijyanye n'imiturire n'imyubakire mu Rwanda binyuze mu guhuriza hamwe, kwiga, guteza imbere, gukurikirana no guha agaciro ibikorwa na gahunda biteganywa mu nshingano zayo.

Ku buryo bw'umwihariko, RHA igomba kwita ku nshingano zikurikira:

1° kuba umuhuzabikorwa rusange wa Leta, w'imirimo yose iteganyijwe mu mishinga irebana n'imyubakire n'imiturire;

2° kugira inama Guverinoma mu kugena politiki y'imiturire, imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire :

**Article 2: Head office of RHA**

The Head Office of RHA shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

RHA may have branches elsewhere in the country if deemed necessary.

A Primer Minister's Order shall specify the place where these branches shall be established.

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RHA**

**Article 3 : Responsibilities of RHA**

The overall mission of RHA is to implement the national housing and construction policy through coordination, conception, development, monitoring and evaluation of actions and programmes set out in its mission.

In particular, RHA shall carry out the following responsibilities:

1° to serve as overall project manager on behalf of the State for all projects related to housing and construction;

2° to advise the Governement on the formulation of the policy on housing, urban development and construction;

**Article 2: Siège de RHA**

Le siège de RHA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RHA peut avoir des branches en tout autre lieu du territoire national en cas de nécessité.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le lieu d'établissement de ces branches.

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE RHA**

**Article 3: Attributions de RHA**

RHA a pour mission globale de mettre en application la politique nationale en matière d'habitat et de construction au Rwanda à travers la coordination, la conception, la promotion le suivi et la valorisation des activités et la planification inclus dans sa mission.

Particulièrement, les attributions de RHA sont les suivantes:

1° assurer le rôle de Maître d'œuvre général pour le compte de l'Etat pour tous les projets en rapport avec l'habitat et la construction ;

2° conseiller le Gouvernement dans la formulation de la politique d'habitat, d'aménagement urbain et de

3° gukora isuzuma ry' imiterere y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda mu buryo buhoraho kandi bunononsoye no kugenzura ibisabwa kugira ngo hongerwe inyubako;

4° guteza imbere no koroshya imyubakire y'imijyi mu Rwanda;

5° kugira inama Minisitiri ufite imiturire n'imyubakire y'imijyi mu nshingano ze ku ishyirwaho ry'uburyo n'imigendekere yo guteza imbere imyubakire mu Rwanda mu buryo bujyanye n'amategeko;

6° kubahiriza itegeko rijyanye n'ibidukikije mu guteza imbere imiturire n'imyubakire y'imijyi ;

7° gushakisha, kubika, gukoresha, gushyira ku gihe no gukwirakwiza amakuru ahagije kandi agezweho ku myubakire y'imijyi mu buryo bwa gihanga hakurikijwe iyubahirizwa ry'ibidukikije n'imibereho myiza y'abaturage ;

8° gucunga no gushyira ku gihe inyandiko ijyanye n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa wa Leta;

9° kugira inama Guverinoma ku buryo bwose bwakoreshwa mu gutunganya

3° to conduct regular and thorough assessment of the status of urban areas and construction in Rwanda and survey requirements for additional housing;

4° to promote and facilitate the provision of urban housing in Rwanda;

5° to advise the Minister in charge of hurban housing and construction on the formulation of systems and procedures for the development of construction in Rwanda in accordance with the law;

6° to enforce compliance with the law on environmental protection aiming at developing urban housing and construction;

7° to obtain, maintain, operate, update and disseminate scientific, socio-economic, and environmental data pertaining to urban construction;

8° to maintain and update a database of all public fixed and movable assets;

9° to advise Government on all mechanisms that may be used to improve urban construction;

3° faire une évaluation régulière et approfondie de l'organisation des centres urbains et des constructions au Rwanda et déterminer les besoins requis pour l'augmentation des constructions supplémentaires;

4° promouvoir et faciliter la construction dans les milieux urbains au Rwanda;

5° conseiller le Ministre ayant l'habitat et la construction urbaine dans ses attributions dans la formulation des systèmes et des procédures de développment de la construction au Rwanda conformément à la loi;

6° asssurer le respect de la loi sur l'environnement dans le but du développement de l'habitat et de la construction urbaine;

7° obtenir, conserver, utiliser, mettre à jour et diffuser les données scientifiques, socio-économiques et environnementales en rapport avec la construction urbaine;

8° maintenir et mettre à jour une base des données de tous les biens publics meubles et immeubles publics;

9° conseiller le Gouvernement sur tous les mécanismes susceptibles d'être utilisés

uduce tw'imijyi twubatse mu kajagari;

10° kugira inama Guverinoma ku byerekeranye n'ibipimo ngenderwaho bijyanye n'imyubakire mu mijyi;

11° gutanga inama ku bijyanye n'ibintu byose birebana n'imyubakire y'imijyi harimo kubaka ahabugenewe, ibiciro, gukoresha ibikoresho byo mu gihugu, n'uburyo bw'imyubakire ijyanye n'imiterere y'ahubakwa;

12° gutegura gahunda no gutanga inama mu iterambere ry'imyubakire y'imijyi no gushyira mu bikorwa gahunda yemejwe na Minisitiri ufite imyubakire mu nshingano ze;

13° kugaragariza Minisitiri ubishinzwe imiterere y'imyubakire mu mijyi no mu cyaro no kwerekana ibyakorwa bikwiye kuri iyo myubakire;

14° kugira uruhare mu gushyiraho no guteza imbere imidugudu ;

15° guteza imbere gahunda yo kubakira abantu no kubafasha cyangwa kubaha inkunga yo kwiyubakira amazu yabo bwite;

16° gufatanya n'amabanki n'ibindi bigo by'imari mu gufasha Abanyarwanda

spontaneous settlements;

10° to advise Governement on recommended standards for urban construction;

11° to provide advice on all aspects of urban building including suitability, cost, use of local materials, construction procedures adapted to earth structures;

12° to develop programmes and make proposals for the development of urban housing and implement such programmes as approved by the Minister in charge of housing;

13° to update the relevant Minister on the status of construction in rural and urban areas and provide advice on appropriate improvements;

14° to contribute to establish and promote grouped settlement;

15° to promote the program for the provision of housing to individuals or assist them in building their own homes;

16° to collaborate with banking and financial institutions to help Rwandans to build

pour l'aménagement des quartiers spontanés en milieu urbain ;

10° conseiller le Gouvernement en matière de normes recommandées pour la construction urbaine;

11° donner des conseils sur tous les aspects de la construction urbaine y compris les espaces appropriés, le coût, l'utilisation des matériaux locaux, les procédures de construction adaptées à la structure du sol ;

12° préparer des programmes et donner des avis en matière de développement de la construction urbaine et exécuter ces programmes une fois approuvés par le Ministre ayant l'habitat dans ses attributions;

13° présenter au Ministre concerné l'état de la construction en milieux urbain et rural et proposer des améliorations appropriées;

14° contribuer à établir et promouvoir l'habitat regroupé;

15° promouvoir le propgramme de construction de logements pour les particuliers ou les aider à constuire leurs propres maisons;

16° collaborer avec les institutions bancaires et financières pour aider les Rwandais à

kwiyubakira amazu yabo bwite;

17° gutegura no gukurikirana imyubakire y'amazu ya Leta;

18° gushyiraho gahunda yo gufata neza amazu ya Leta no kuyishyira mu bikorwa;

19° guteganya ingengo y'imari ijyanye n'imyubakire no kwita ku nyubako za Leta ;

20° kugira inama Guverinoma ku ishyirwaho n'igurishwa ry'imitungo yimukanwa n'itimukanwa no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa;

21° guteza imbere imyubakire muri rusange, hitawe ku bantu bose babifitemo uruhare;

22° kugira inama Guverinoma ku bijyanye n'iteganywa ry'amategeko agenga imyubakire n'imiturire;

23° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa Mpuzamahanga;

24° kugira inama Guverinoma ku bindi byose byakwihutisha iterambere ry'imiturire n'imyubakire.

their own homes:

17° to design and supervize the construction of all public buildings;

18° to develop a maintenance programme for public buildings and ensure its implementation ;

19° to prepare the budget for the construction and maintenance of public buildings;

20° to advise Government on the identification and sale of movable and immovable assets and monitor the implementation of procedures relating thereto;

21° to promote the overall development of the housing sector while targeting all stakeholders;

22° to advise Government on the establishment of legal provisions applicable to construction and housing;

23° to establish relationships and cooperation with other regional and international agencies with similar responsibilities;

24° to advise Government on all other activities which can fast track housing and construction development.

construire leurs propres maisons;

17° concevoir et superviser la construction de tous les bâtiments publics;

18° élaborer un programme de maintenance des bâtiments publics et assurer son exécution;

19° préparer le budget de construction et de maintenance des bâtiments publics;

20° conseiller le Gouvernement en matière d'identification et de vente des biens meubles et immeubles et assurer le suivi de l'application des procédures y relatives;

21° promouvoir le développement du secteur de l'habitat en général en impliquant tous les acteurs ;

22° conseiller le Gouvernment dans la préparation des lois régissant la construction et l'habitat;

23° établir des relations et collaborer avec d'autres institutions tant régionales qu'internationales ayant les attributions similaires ;

24° conseiller le Gouvernement sur toutes les actions pouvant accélérer le développement de l'habitat et de la construction.

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RHA N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 4: Urwego rureberera RHA n'icyiciro irimo**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Urwego rureberera RHA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera RHA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza RHA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa RHA.

**UMUTWE WA IV : IMITERERE N'IMIKORERE BYA RHA**

**Ingingo ya 5: Inzego z'Ubuyobozi za RHA**

RHA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;
2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RHA ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RHA AND ITS CATEGORY**

**Article 4: Supervising Authority of RHA and its category**

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of RHA and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of RHA and its decision making organ a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party in order for RHA to fulfil its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of members of the decision making organ of RHA.

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RHA**

**Article 5: Management organs of RHA**

RHA shall be comprised of the following two (2) management organs:

1° the Board of Directors;
2° General Directorate;

A Primer Minister's Order may determine other relevant organs in order for RHA to fulfil its mission.

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RHA ET SA CATEGORIE**

**Article 4: Organe de tutelle de RHA et sa catégorie**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RHA et sa catégorie.

Il est conclu, entre l'organe de tutelle de RHA et l'organe de décision, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RHA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de decision de RHA.

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RHA**

**Article 5: Organes de direction de RHA**

RHA est doté de deux (2) organes de direction suivants :

1° le Conseil d'Administration ;
2° la Direction Générale ;

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation de la mission de RHA.

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 6: Inama y'Ubuyobozi ya RHA**

Inama y'Ubuyobozi ya RHA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi-Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

**Ingingo ya 7: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 8: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi.**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RHA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa

**Section one: Board of Directors**

**Article 6: Board of Directors of RHA**

The Board of Directors of RHA shall be its governing and decision making organ. Its competence, responsibilities and functioning as well as the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors shall be female.

**Article 7: Sitting allowances for the members of the Board of Directors**

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall get sitting allowances determined by a Presidential Order.

**Article 8: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RHA.

They are also not allowed, neither individually

**Section première : Conseil d'Administration**

**Article 6 : Conseil d'Administration de RHA**

Le Conseil d'Administration de RHA est son organe de direction et de décision. Ses compétences, attributions et son fonctionnement ainsi que la durée du mandat de ses membres sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

Les membres du Conseil d'Administration dont un Président et un Vice-Président sont nommés par Arrêté Présidentiel nomme. Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

**Article7: Jetons de présences des membres du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par Arrêté Présidentiel.

**Article 8: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés d'exercer des fonctions rémunérées au sein de RHA.

Ils ne sont non plus autorisés ni individuellement

ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RHA.

**Icyiciro cya 2 : Ubuyobozi Bukuru**

**Ingingo ya 9 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RHA**

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RHA bagenwa n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RHA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 10: Sitati igenga abakozi ba RHA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RHA**

Abakozi ba RHA bagengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RHA biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

**Ingingo ya 11: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RHA**

Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo ya RHA bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

nor companies in which they hold shares, to bid for tenders of RHA.

**Section 2: General Directorate**

**Article 9: Composition of the General Directorate of RHA**

Members of the General Directorate of RHA shall be determined by a Presidential Order.

The competence, responsibilities and functioning of the members of the General Directorate of RHA shall be determined by a Prime Minister's Order.

**Article 10: Statute governing the staff of RHA and benefits of members of the General Directorate and the staff of RHA**

The staff of the RHA shall be governed by the General statute for Rwanda Public service.

Benefits allocated to the members of the General Directorate and to the staff of RHA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

**Article 11: Functioning, organization and responsibilities of organs of RHA**

The functioning, organisation and responsibilities of organs of RHA shall be determined by a Prime Minister's Order.

ni les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RHA.

**Section 2 : Direction Générale**

**Article 9: Composition de la Direction Générale de RHA**

Les membres de la Direction Générale de RHA sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

Les compétences, les attributions et le fonctionnement des membres de la Direction Générale de RHA sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

**Article 10: Statut du personnel de RHA et les avantages des membres de la Direction Générale et du personnel de RHA**

Le personnel de RHA est régi par le Statut Général de la Fonction Publique rwandaise.

Les avantages accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RHA sont fixés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

**Article 11: Fonctionnement, organisation et attributions des organes de RHA**

Le fonctionnement, l'organisation et les attributions des organes de RHA sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

## UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

### Ingingo ya 12: Umutungo wa RHA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RHA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RHA ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;
3° ibituruka ku mirimo ikora;
4° inyungu ku mutungo wayo;
5° inguzanyo zihabwa RHA zemewe na Ministiri ufite imari mu nshingano ze;
6° impano n'indagano.

### Ingingo ya 13: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RHA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RHA buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RHA.

### Ingingo ya 14: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RHA

Ingengo y'imari ya RHA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

## CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

### Article 12: Property of RHA and its source

The property of RHA shall be comprised of movables and immovables.

The property of RHA shall come from the following sources:

1° State allocated budget;
2° State or donors subsidies;
3° income from its services;
4° interest from its property;
5° loans to RHA, as approved by the Minister in charge of finance;
6° donation and bequest.

### Article 13: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of the property of RHA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions. RHA internal audit service shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of General Directorate of RHA.

### Article 14 Approval and management of the budget of RHA

The budget of RHA shall be approved and managed in accordance with relevant legal

## CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

### Article 12: Patrimoine de RHA et ses sources

Le patrimoine de RHA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de RHA provient des sources suivantes :

1° les dotations budgétaires de l'Etat;
2° les subventions de l'Etat ou des donateurs;
3° les revenus des services prestés;
4° les revenus de son patrimoine;
5° les prêts accordés à RHA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
6° les dons et legs.

### Article 13 : Utilisation, gestion et audit du Patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de RHA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne de RHA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au dirigeant de la Direction Générale de RHA.

### Article 14: Adoption et gestion du budget du RHA

Le budget de RHA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la

**Ingingo ya 15: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RHA ashyikiriza urwego rureberera RHA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 16 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 18: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

provisions

**Article 15: Annual financial report**

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of General Directorate of RHA shall submit to the supervising authority of RHA annual financial report after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 16: Drafting , consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 17: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 18: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

matière.

**Article 15: Rapport annuel de l'exercice comptable**

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la Direction Générale de RHA transmet à l'organe de tutelle de RHA le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 16 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 17 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 18 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **25/11/2010**

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MAKUZA ernard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **25/11/2010**

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Prie Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le **25/11/2010**

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Premer Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux